REPUBULIKA Y'U RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
UMUTWE W'ABADEPITE

GAHUNDA Y'INTEKO RUSANGE Y'IGIHEMBWE GISANZWE

Ibiteganyijwe guhera kuwa mbere, tariki ya 19/06/2017 kugeza kuwa gatanu, tariki ya 23/06/2017

ITARIKI	IBITEGANYIJWE
Kuwa mbere, tariki ya 19 Kamena 2017 **(15h00)**	• Kwemeza umushinga w'itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo (wasabiwe gusubirwamo na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika).
Kuwa kabiri, tariki ya 20 Kamena 2017 **(15h00)**	• Kugezwaho ibisubizo mu magambo ku bibazo byabajijwe Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi ushinzwe Amashuri y'Imyuga n'Ubumenyingiro, ku bibazo byagaragaye muri raporo ku ngendo Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano yakoreye mu Turere tunyuranye tw'Igihugu kuva ku itariki ya 20/10/2016 kugeza kuya 03/11/2016, hagamijwe kureba niba impano n'inguzanyo Igihugu gifata hagamijwe gukora ibikorwa bifitiye abaturage akamaro zikoreshwa uko bikwiye, no kureba niba hari ibibazo cyangwa imbogamizi byabayeho kugira ngo bikemurwe mu rwego rwo gukomeza kwihutisha iterambere ry'abaturage n'iry'Igihugu muri rusange.
Kuwa gatatu, tariki ya 21 Kamena 2017 **(15h00)**	• Kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage, ku ngendo yakoreye mu Turere tumwe tw'Igihugu kuva ku itariki ya 8/11/2016 kugeza kuya 22/11/2016, mu rwego rwo gusura ibigo byita ku bafite ubumuga, hagamijwe kumenya imibereho yabo n'uburyo ibigo byabakiriye byubahiriza inshingano zabyo
Kuwa kane, tariki ya 22 Kamena 2017 **(15h00)**	• Kwemeza umushinga w'itegeko rigena imitunganyirize no guteza imbere ibikorwa bya siporo, imikino n'imyidagaduro.
Kuwa gatanu, tariki ya 23 Kamena 2017 **(15h00)**	• **Ibikorwa bya Siporo**

MWEMAYIRE Dominique
Umuyobozi w'Imirimo
y'Inteko Rusange

Amb. KAMBANDA Jeanine
Umunyamabanga Mukuru
w'Umutwe w'Abadepite